REPUBLIKA Y'U RWANDA

IKIGEGA GISHINZWE GUTERA INKUNGA IBIKORWA BY'ITERAMBERE MU NZEGO Z'IBANZE

RWANDA LOCAL DEVELOPMENT SUPPORT FUND
B.P. 7305 KIGALI E-mail: rldsf@rwanda1.com Website: www.rldsf.gov.rw

AMABWIRIZA KU MIKORERE YA GAHUNDA Y'UBUDEHE

Gahunda y'Ubudehe ni imwe muri gahunda za Leta y'u Rwanda igamije kurwanya ubukene hashingiwe ku ihame ry'ibikorwa bishingiye k'uruhare rw'abaturage cyangwa se "community participation". Ni gahunda kandi ishimangira politiki ya Leta yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi. Ariyo mpamvu iyi gahunda ikorera ku rwego rw'Umudugudu mu rwego rwo kumenya neza ibibazo by'abaturage n'ingamba zafatwa n'abaturage ngo bikemuke.

Aya mabwiriza ku mikorere ya gahunda y'Ubudehe agamije kunoza imikorere ndetse n'imikoreshyereze y'inkunga ihabwa abaturage.

Ingingo ya 1: Imiterere y'Ubudehe mu mudugudu

Ubudehe nk'uko bwahoze mu mateka y'Urwanda , ntibushingiye ku nkunga yo hanze, ahubwo abaturage ubwabo barebera hamwe ibibazo bafite, maze bakigira hamwe uburyo bwo kubikemura. Mu gukemura ibibazo bumvikanyeho bose, hakoreshwa ubushobozi bwabo bwite. Mugihe hari ibikenewe kandi abatuye umudugudu batabashije kubibona mu bushobozi bwabo. Ibyo rero, ni byo bishakirwa inkunga yo kubunganira.

Ingingo ya 2: Uko inkunga ya Leta ikoreshwa

- **Guhitamo imishinga y'Ubudehe**

- ***Umushinga w'ubudehe w'Umudugudu***

1. Abaturage batuye Umudugudu, bahurira mu nama hagamijwe kurebera hamwe ibibazo bibabangamiye, bakabisesengura banagereranya uburemere bwabyo.

2. Nyuma y'iryo sesengura-bibazo by'abatuye umudugudu, abaturage bahitamo ibibazo bibaremerereye kurusha ibindi akaba aribyo biyemeza gukemura mu gihe runaka kandi bafatanyije.

3. Urutonde rw'ibibazo by'umudugudu byemeranyijweho bimenyeshwa abaturage bose mu ruhame, bagahitamo icyihutirwa kurusha ibindi, bigakorerwa inyandikomvugo. Icyo bahisemo ni cyo kivamo igitekerezo cy'umushinga w'umudugudu.

- **Umushinga w'umuryango ukennye mu mudugudu**

1. Abaturage bamaze kwishyira mu byiciro kandi buri wese amaze kumenya icyiciro arimo, bose hamwe mu nama bahitamo umuryango ukennye uzaterwa inkunga.

2. Abaturage bonyine nibo bihitiramo umuryango wo guha inkunga

3. Umuryango utoranywa ugomba kuba wujuje ibi bikurikira: **a)** Kuba utuye mu mudugudu (bitari gucumbika), **b)** Ugomba kuba ukennye koko (kuba ubarirwa mu kicyiro cya mbere cy'ubudehe), **c)** Kuba uwo muryango ushoboye gukora (ufite imbaraga zo gukora mu gihe uhawe inkunga) **d)** kuba ukuriye umuryango ari inyangamugayo (udasesagura ibyo uhawe).

4. Uhawe inkunga y'ubudehe agirana amasezerano n'inteko rusange y'umudugudu ihagarariwe na komite nshingwabikorwa y'ubudehe

5. Inteko rusange y'umudugudu ni yo igena uburyo uhawe inkunga yitura umudugudu, iyo nyiturano ikagenerwa undi muryango watoranijwe.

Ingingo ya 3: Guhitamo ingamba zo gukemura ibibazo by'Umudugudu

1. Abaturage bamaze gusesengura ibibazo byabo, bigira hamwe ingamba zo kubicyemura bahereye ku biremereye kurushya ibindi.

2. Ingamba zafashwe kuri buri kibazo, zimenyeshwa abaturage mu nama y'Umudugudu hagamijwe ko buri wese yatanga igitekerezo cye ku buryo bwo kubikemura ndetse n'uruhare rwa buri wese rukagaragara.

3. Uruhare rwa buri wese mu mudugudu ni ngombwa hashingiwe kw'ihame ry'Ubudehe.

4. Ikibazo cya mbere cyatoranyijwe mu mudugudu gikorerwa umushinga hakoreshejwe uburyo bworoheje abaturage bose bashobora kumva no gutanga ibitekerezo[1]

5. Mu gihe bibaye ngombwa (ikibazo gihuriweho n'imidugudu irenga umwe), umushinga w'ubudehe ukorerwa ku rwego rwisumbuyeho rw'Akagari cyangwa Umurenge. Bityo hagashyirwaho uburyo buhuza imidugudu ihuriweho n'ikibazo cyagaragajwe *(urugero: komite y'ubudehe y'Akagari/umurenge)*

Ingingo ya 4: Gushyiraho ingamba zo kubungabunga igikorwa

1. Iyo abatuye Umudugudu bamaze kwemeranywa ku bibazo by'Umudugudu n'uburyo bagiye kubicyemura, hashyirwaho ingamba zizagenga ibikorwa.

2. Abaturage ubwabo nibo bishyiriraho ingamba zizabungabunga igikorwa cyabo hagaragazwa n'umusanzu wabo muri icyo gikorwa.

3. Umusanzu (uruhare) w'abaturage ushobora kuba amafaranga, amaboko yabo cyangwa se ibindi batanga.

4. Ingamba zemeranyijweho mu nama zigomba kumanikwa ahahurira abantu benshi mu Mudugudu/Akagari/Umurenge kugira ngo amenywe na benshi.

5. Uruhare rwa buri wese rugomba kuba rusobanutse neza ku buryo budatera urujijo n'impaka

6. Ingamba zemeranyijweho n'abaturage zgomba kuba ziteganya ibihano kubatazazubahiriza. Ibi bihano bigomba kuba bifite uburemere busumbana (**urugero**: kugawa mu ruhame, gucibwa icyiru…)

Ingingo ya 5: Gushyiraho komite z'Ubudehe mu mudugudu

1. Buri Mudugudu uhitamo komite ebyiri z'Ubudehe ari zo: komite nshingwabikorwa na komite ngenzuzi.

2. Komite nshingwabikorwa igizwe n'abantu 5 (harimo Perezida, umwungirije, umubitsi ari nawe mwanditsi, n'abajyanama ba 2). Komite ngenzuzi igizwe n'abantu batarenga 3 b'inyangamugayo, harimo byibuze umugore umwe.

[1] Hakoreshwa imbonerahamwe iri mu gatabo: **Ubudehe mu Rwanda, igikorwa rusange cy'abaturage**, urupapuro rwa 24.

3. Gutora komite z'Ubudehe hashingirwa kuri ibi bikurikira: kuba utuye mu mudugudu, kuba uri inyangamugayo, kuba uzi gusoma no kwandika neza, kubahiriza ihame ry'uburinganire bw'ibitsina, kwemera kuba muri komite utabihatiwe.

Ingingo ya 6: Inshingano za Komite z'Ubudehe

Komite z'Ubudehe ku rwego rw'umudugudu zishinzwe gukurikirana no gushyira mu bikorwa ibyo abaturage bemeranyijweho mu nama y'Umudugudu ku bijyanye n'ubudehe.

- **Komite Nshingwabikorwa**:
  1. Ni komite ishinzwe gushyira mu bikorwa umushinga abaturage biyemeje gukora bafatanyije. Iterana kabiri nibura kabiri buri kwezi, ariko ishobora guterana mu gihe cyose bibaye ngombwa.

  2. Komite nshingwabikorwa itanga raporo ku baturage rimwe mu kwezi ku munsi w'umuganda cyangwa se igihe cyose bibaye ngombwa. Iyi raporo igomba nibura gusobanurira abaturage ibi bikurikira: Aho ishyirwa mu bikorwa by'umushinga w'Umudugudu/Umuryango rigeze, ikoreshwa ry'inkunga yatanzwe ku mushinga, uruhare rw'abatuye umudugudu, ibiteganyijwe gukorwa n'ibikenewe byose.

  3. Raporo ya komite nshingwabikorwa ishyikirizwa Umuyobozi w'akagari bityo igahurizwa hamwe muri raporo ishyikirizwa Umurenge.

- **Komite ngenzuzi**:
  1. Iyi komite ishinzwe gukurikirana ko komite nshingwabikorwa ikora neza ibyo abaturage biyemeje mu nama, igatanga inama aho bikenewe.

  2. Mu gihe hagaragaye ko hari amakosa yakozwe na komite nshingwabikorwa, komite ngenzuzi itumiza inteko rusange y'umudugudu hagafatwa ibyemezo bikwiye.

  3. Ibyemezo bifatwa ndetse harimo no guhagarikwa kwa komite nshingwabikorwa hagashyirwaho indi iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 7: Ikoreshwa ry'inkunga y'Ubudehe

1. Inkunga y'Ubudehe igamije kunganira abaturage mu bikorwa bahisemo gukora kugira ngo bivane mu bukene.

2. Inkunga y'ubudehe ntabwo ari ikuguzi (cost) cy'umushinga w'umudugudu ahubwo n'imbarutso (catalyseur) ituma abaturage bahura bafite icyo bahuriraho.

3. Inkunga y'Ubudehe ntabwo ikuraho na rimwe uruhare rw'abaturage ku mushinga

4. Inkunga yatanzwe ku budehe ikoreshwa ku bikorwa by'umushinga abaturage badafitiye ubushobozi (urugero: kugura ciment, impombo z'imiyoboro y'amazi, amatungo…)

5. Inkunga y'ubudehe ikoreshwa hakurikijwe buri cyiciro (phase) cy'umushinga uretse umushinga udashobora gukorwa mu byiciro (urugero: kugura amatungo)

6. Inkunga y'Ubudehe ntishobora gukoreshwa mu kubaka inzu z'ubuyobozi nk'ibiro by'akagari cyangwa Umudugudu.

7. Buri gice cy'inkunga ikoreshejwe gitangirwa raporo mu nama y'abatuye Umudugudu mbere y'uko hasabwa ikindi gice cy'inkunga kijyanye n'icyiciro (phase) cy'umushinga gikurikiyeho.

8. Ukurikirana ubudehe ku rwego rw'Umurenge niwe utanga uburenganzira bwo kubikuza amafaranga akenewe amaze gusuzuma ibikorwa bigiye gukorwa kandi yabonye na raporo y'ikoreshwa ry'icyiciro cy'umushinga kirangiye.

9. Konti y'Ubudehe y'Umudugudu ikingurwa mu kigo cy'imari cyegereye uwo mudugudu.

10. Agatabo ka banki kabikwa n'umubitsi ku rwego rw'Ubudehe mu mudugudu. Ariko ababikuza 2, ni abatorewe uwo murimo n'abaturage.

11. Amafaranga abikuzwa nyuma y'inama y'abaturage bose yigirwamo ibikorwa bigiye gukorwa n'amafaranga akenewe.

Ingingo ya 8: Ikurikirana bikorwa by'Ubudehe

Ikurikiranwa ry'ibikorwa by'Ubudehe rikorwa ku nzego enye zikurikira:

1. **Urwego rw'Umudugudu**: Abaturage ubwabo bafite inshingano zo gukurikirana ibikorwa byabo babifashijwemo na komite z'Ubudehe, no mu nama za buri kwezi zihuza abaturage bose.

2. **Urwego rw'Akagari**: Akagari gafite inshingano zo gukurikirana no guhuza raporo z'imidugudu no kuzishyikiriza umurenge. Inama ihuza komite z'ubudehe ikaba rimwe mu mezi abiri.

3. **Urwego rw'Umurenge**: Umurenge ufite inshingano zo gukurikirana no guhuza raporo z'Ubudehe z'utugari. Umurenge ubifashijwemo na "focal point" ku rwego rw'Umurenge ushinzwe imibereho myiza y'abaturage. Inama zihuza abahagarariye komite nshingwabikorwa na ngenzuzi z'Ubudehe ziba rimwe mu gihembwe.

4. **Urwego rw'Akarere**: Uru rwego rufite inshingano yo gukurikirana no guhuza ibikorwa by'Ubudehe by'imirenge no gutanga raporo y'igihembwe n'izindi igihe bibaye ngombwa ku

rwego rw'igihugu. Inama zihuza "focal point" b'Ubudehe mu mirenge ziterana buri gihembwe ku karere.

5. **Urwego rw'Igihugu**: Gukurikirana, gufata ingamba no gutanga umurongo ngenderwaho wa gahunda y'Ubudehe no gutegura imfasha nyigisho.

Ingingo ya 9: Ibikoresho bya ngombwa by'ikurikiranabikorwa

1. **Regisitiri(Registre) y'Ubudehe ku mudugudu:** Iyi regisitiri yandikwamo ibi bikurikira: imyanzuro y'inama zose zahuje abaturage ku birebana n'ubudehe, imyanzuro y'inama za komite zombi, ibyemezo byafashwe n'inteko y'umudugudu ku birebana n'ubudehe, raporo ku ikoreshwa ry'inkunga n'iy'aho ibikorwa bigeze.

2. **Fishi y'Umudugudu:** Iyi fishi igaragaza umwirondoro w'Umudugudu (Intara, Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu), inkunga Umudugudu wabonye n'itariki wayiboneyeho na banki inkunga yanyuzemo. Iyi fishi ishyirwaho umukono n'abagize komite z'Ubudehe z'Umudugudu zombi mu rwego rwo kwemeza ko inkunga yageze ku mudugudu n'igihe yahagereye.

3. **Imfashanyigisho z'Ubudehe:** Izi mfashanyigisho ni ngombwa mu rwego rwo gufasha abashinzwe Ubudehe ku Mudugudu kwiyibutsa no gukurikirana amahame y'Ubudehe.

Ingingo ya 10: Imyifatire igayitse igomba kurwanywa

1. Kujijisha (gushakisha impamvu zoguhunga igikorwa)
2. Kuba rutemayeze (gushakisha ibya gusa)
3. Gutanga inyoroshyo, murwego rwo kwanga gukorana n'abandi
4. Kurya ruswa
5. Indi myatwarire n'imigirire yose igayitse

Ingingo ya cumi 11: Gukemura impaka

Ibitavuzwe muri aya mabwiriza, bigengwa n'amabwiriza yo gucunga umutungo wa Leta ku bijyanye n'ikibazo kigaragaye. Ibyo bigakemurwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ni ukuvuga umudugudu, akagari, umurenge cyangwa akarere. Ibyo byose bikorerwa inyandiko ibigaragaza.

Ingingo ya 12: Urwego rushyiraho rukanahindura amabwiriza

1. Amabwiriza ya gahunda y'Ubudehe ategurwa n'ubuyobozi bw'ikigega gishinzwe gutera inkunga ibikorwa by'iterambere mu nzego z'ibanze (RLDSF) akemezwa n'inama y'ubuyobozi bwa RLDSF, aya mabwiriza asinywa n'umuyobozi w'inama y'ubuyobozi ya RLDSF. Ubuyobozi bwa RLDSF bushobora guhindura aya mabwiriza binyuze munzira zavuzwe hejuru.

2. Ibindi bitagaragajwe mur'aya mabwiriza bisabirwa uburenganzira *(Non-objection)* mu nyandiko k'ubuyobozi bw'ikigega gishinzwe gutera inkunga ibikorwa by'iterambere mu nzego z'ibanze (RLDSF)

Bikorewe I Kigali, kuwa 14/05/2012

Dr. TWAGIRA Elias

Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi ya RLDSF